



ISUZUMA RY'IKIGEGA CYAGENEWE KURENGERA IKIRERE

INCAMAKE Y'ISUZUMA

GUVERINOMA YA ECOSSE

UKUBOZA 2021

Impine z'amagambo

Acronym	Name
CADECOM	Catholic Development Commission in Malawi
CARD	Churches Action in Relief Development
CCPM	The Climate Challenge Programme Malawi, led by SCIAF
CICOD	Centre for Integrated Community Development
CISONECC	Civil Society Network on Climate Change
CJF	Climate Justice Fund
CJIF	The Climate Justice Innovation Fund
LUANAR	Lilongwe University of Agriculture and Natural Resources
M&E	Monitoring and Evaluation
NIRAS-LTS	LTS International Limited, part of the NIRAS Group
OECD-DAC	Organisation for Economic Cooperation and Development's Development Assistance Criteria
QuIP	Qualitative Impact Assessment Protocol
SCIAF	Scottish Catholic International Aid Fund
ToC	Theory of Change

Intangiriro

Ikigega cyo kurengera ikirere (CJF) cyashinzwe na guverinoma ya Ecosse mu 2012 kugira ngo gifashe guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere muri Malawi, Zambiya n'u Rwanda. Kuva cyatangira cyashyigikiye imishinga 31 ya gahunda zigamije kurengera ikirere binyuze mu byiciro bitatu bitandukanye bihamagarira gukora imishinga: icyiciro cya 1 (2012-2015;), icyiciro cya 2 (2014-2016;) n'icyiciro cya 3 (2016-2021), bikubiyemo gahunda yagutse yita ku kumenya inzitizi ikirere gihura nazo ya Malawi (CCPM) hamwe na gahunda y'ikigega gitanga inkunga yo guhanga udushya mu kurengera ikirere (CJIF).

NIRAS-LTS yagiranye amasezerano na Guverinoma ya Ecosse kugira ngo ikore iri suzuma rya nyuma ry'icyiciro cya mbere muri bitatu by'ikigega cyo kurengera ikirere CJF mu rwego rwo gutanga amasomo yakwerekana uko ibyiciro bitaha byazashyirwa mu bikorwa. Kubera ko CJIF yarangiye muri Werurwe 2021, na CCPM ikaba igomba kurangira muri Nzeri 2021, iri suzuma ritanga umwanya wo gusuzuma ibyakozwe, impamvu byakozwe ndetse n'ababikoze. Intego y'iri suzuma ni "ukwerekana imikorere ya CJF mu kugera ku ntego zo kurengera ikirere no gusuzuma ibyo gahunda yagezeho kugeza ubu. Ibyavuye muri iri suzuma bizatanga amasomo yo kugenderwaho mu cyiciro gikurikira cya CJF, kugira ngo gikomeze kuba ingirakamaro".

Uburyo bwakoreshejwe mu isuzuma bushingiye ku bigenderwaho n'ibigo biterwa inkunga n'umuryango w'ubutwererane mu bukungu (OECD-DAC)¹ : akamaro, kugira ihuriro ry'ikintu runaka, gukora neza, kugera ku ntego, kugirira abo bigenewe akamaro n'uburambe bw'ibyakozwe. Mu isuzuma hateguwe urutonde rw'ibibazo cumi na bine, bikubiyemo umushinga na gahunda ya buri rwego, byateguwe kuri buri ngingo yashingiweho.

¹ Ibipimo ngenderwaho bya OECD-DAC byo gusuzuma iterambere byashyizweho binyuze mu bwumvikane mpuzamahanga hagamijwe kunoza ireme ry'isuzuma ry'iterambere mpuzamahanga. Amabwiriza ashingira isuzuma ryiza kuri buri cyiciro cy'isuzuma no gushyira mu bikorwa ayo mabwiriza. Itsinda rya OECD-DAC rireba isuzuma ry'iterambere risobanura ibipimo bitandatu bikurikira byo gusuzuma: Iby'ingenzi biba bigomba gukorwa (ibyagenwe gukorwa bikorwa neza?); ihuriro ry'ibikorwa (ibikorwa byaba byuzuzanya?); Gukora neza (imitungo yaba ikoreshwa neza?); kugera ku ntego (ibiri gukorwa byaba bigera ku ntego zabyo?); Ingaruka (ni izihe mpinduka ibikorwa byaba biri gutanga?); no Kuramba (ibyakozwe byaba bizaramba?).

Isuzuma ryakozwe hifashishijwe uburyo bwo kumenya icyo ababajijwe batekereza ku bikorwa by'ikigega, kwerekana imibare y'abagize uruhare muri iri suzuma n'ibisubizo batanze biturutse mu gusoma ibyanditswe, gusoma ibitabo by'umushinga na porogaramu hamwe n'ibiganiro n'abafatanyabikorwa ba porogaramu, hashingiwe ku mahame y'ibishingirwaho mu gukora isuzuma rishingiye ku nyandiko harebwa akamaro k'ibyakoze (QuIP)² hamwe no guhuza amakuru, kugira ngo hasubizwe ibibazo by'isuzuma no gukora ihame ryo kuzana impinduka ijyanye no kurengera ikirere (ToC).


Ikirango cyo kurengera ikirere n'ihame ryo kuzana impinduka

Mu cyiciro cy'intangiriro, hakoze igishushanyo ngenderwaho cy'ihame ry'impinduka (ToC) (ishusho ya 1) gikozwe na Guverinoma ya Ecosse, binyujijwe mu nama nyunguranabitekerezo yo ku ya 17 Kamena 2021. Ibi byashyizeho inzira eshatu zifitanye isano kugira ngo impinduka zijyane n'inkingi eshatu zitandukanye zo kurengera ikirere:

- **Kurengera ikirere bihuriweho** kandi bikagirwamo uruhare mu buryo bungana, gusaranganya imitungo n'inyungu. Mu birango byo kurengera ikirere hakubiyemo kubona imitungo n'inyungu no gusaranganya ku buryo bungana ibiciro byo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere;
- **Gushyiraho ibyo kugenderaho mu kurengera ikirere** bikoze mu mucyo, mu bwisanzure no gufata imyanzuro mu buryo bungana;
- **Kurengera ikirere bizana impinduka** harimo ubusumbane bw'inzego kandi bwibanda k'uguteza imbere imyumvire ku bibazo byo kurengera ikirerere ndetse no gutanga amahugurwa³.

² Uburyo bw'isuzuma rishingiye ku bitekerezo by'ababazwa bushingiye kubaza abitabiriye impinduka zifatika zabaye mu bice bitandukanye by'ubuzima bwabo, mu gihe cyagenwe runaka, cyakoreshejwe mu gusuzuma ingaruka z'ibyakoze ndetse n'ihame ry'impinduka ryazo.


³



Ishusho ya 1 Ihame ry'impinduka y'igishushanyo ngenderwaho mu kurengera ikirere (ToC)

Hagendewe k'uburyo iki gishushanyo ngenderwaho cy'ihame ry'impinduka mu kurengera ikirere nk'intangiriro, ihame ry'impinduka ryashyizweho by'umwihariko mu gukora isuzuma rya porogaramu y'ikigega cyo kurengera ikirere (CJF), yateguwe ku buryo budasubirwaho na Guverinoma ya Ecosse n'abafatanyabikorwa b'ikigega cyo kurengera ikirere (CJF) nk'igice cy'isuzuma (bigaragara ku

ishusho ya 2 ikurikira). Ibi byakoreshejwe kugira ngo a) hasuzumwe ibikorwa byatowe inkunga mu cyiciro cyabanje cy' ikigega cyo kurengera ikirere (CJF) kandi bikaba bishobora b) no gutanga amakuru kugira ngo hategurwe ibizakorwa mu bihe bizaza.



Ishusho ya 2 Ihame ry'impinduka ku bikorwa byo kurengera ikirere

Inkingi eshatu zifitanye isano zo kurengera ikirere zose zerekana uburyo bwo gushyira mu bikorwa umushinga (gushyiraho ibyo kugenderaho mu kurengera ikirere), ndetse n'ibigomba guterwa inkunga n'umushinga (kurengera ikirere bihuriweho kandi bikagirwamo uruhare mu buryo bungana, gusaranganya imitungo n'inyungu no kurengera ikirere bizana impinduka). Mu gihe cyo gutangira, urutonde rw'ibyagombaga gukorwa by'ingenzi bishobora gushyigikira cyane ukugera ku ntego z'ingaruka z'igihe gito n'igihe kirambye hashingiwe kuri za nkingi eshatu zo kurengera ikirere byitaweho kandi byaranditswe.

Urugero, kumenya ibikenewe no gutegura abazabigiraho uruhare (gushyiraho ibyo kugenderaho mu kurengera ikirere) gutera inkunga ibikorwa byatoranyijwe (kurengera ikirere bihuriweho kandi bikagirwamo uruhare mu buryo bungana, gusaranganya imitungo n'inyungu), ukugera ku ntego kw'ibyakozwe bishyigikirwa no gushyira imbaraga mu nzego zegereye abaturage (kurengera ikirere bizana impinduka) no gushyiramo abafatanyabikorwa, harimo abakora mu nzego za Leta bashinzwe iyamamaza banafasha abahinzi binyuze mu kubagira inama na serivisi zo kubaka ubushobozi (gushyiraho ibyo kugenderaho mu kurengera ikirere)

Ikiyongera kuri ibi, ni ukubaka ubushobozi bw'abaturage mu rwego rwo gufata imyanzuro ijyanye n'imihindagurukire y'ikirere no gushyigikira abaturage mu gukora ubuvugizi bw'ibyo bagenzi babo bakeneye n'uburenganzira bwabo (kurengera ikirere bizana impinduka), imishinga ishobora gutera inkunga uburambe bw'ibikorwa by'umushinga mu gihe kirambye, kandi hakaba hanakoreshwa inkunga yinyongera mu gutera inkunga abaturage mu bindi bikorwa bishya cyangwa mu kongera no gukora ibyakozwe n'abandi bafatanyabikorwa. Isuzuma ryasuzumye imishinga y'ikigega cyo kurengera ikirere (CJF) mu rwego rwo kwerekana uburyo CJF yagize uruhare mu kurengera ikirere kugeza ubu. Mu byagaragajwe na CJF, mu byakozwe, imishinga itandukanye ishaka gukemura ibibazo byose birebana no kurengera ikirere, ariko nta mushinga n'umwe wabonetse ukora ubwoko bwose bw'ibigomba gukorwa.

Ibyavuye mu bushakashatsi

Ibyavuye mu bushakashatsi byahuriye hamwe ibyabonetse hifashishijwe uburyo bwo kumenya icyo ababajijwe batekereza, kwerekana imibare y'abagize uruhare mu bushakashatsi n'ibisubizo

byavuye mu gusoma ibitabo, hamwe n'ibiganiro n'abafatanyabikorwa bose bakaba barashubije urutonde rw'ibibazo byari bigenewe isuzuma. Ibibazo by'isuzuma byateguwe hashingiwe ku bigenderwaho n'ibigo biterwa inkunga n'umuryango w'ubutwererane mu bukungu (OECD-DAC: akamaro, uburyo ibikorwa bikurikirana, uko bishyirwa mu bikorwa, kugera ku ntego umutungo wakoreshejwe neza, kugirira abo bigenewe akamaro n'uburambe bw'ibyakozwe), byose bikaba byarakozwe ku mushinga wa CJF no ku rwego rwa porogaramu yayo.

Mu rwego rwo kureba akamaro (ibigomba gukorwa byateguwe mu kurengera ikirere), iby'ingenzi byabonetsemo ni:

- **Ikibazo cya 1 cy'isuzuma** :⁴Ni ku kihe kigero ibikorwa by'imishinga ya CJF ari ingirakamaro mu kurengera ikirere? Ese yateguwe kuburyo byibandaga cyane k'ubusumbane busanzwe buriho (nk'ubusumbane mu bukire n'ihezwa rishingiye ku gitsina, imyaka, ubumuga cyangwa ibindi by'imiterere)? Imishinga ya CJF yari ifite intego yo kwibanda ahantu hari ibibazo ariko buri gihe ntiyibande ku bantu bafite ibibazo. Abagenerwabikorwa bafite imishinga yo guhanga udushya yibandaga cyane ku bijyanye na "tekiniki" aho gukora gahunda ireba benshi mu kumenyekanisha ibikenewe aho batuye. Nyamara, imishinga myinshi ya CJF yari ifite imyumvire ihambaye yo, no kwibanda, kurengera ikirere, mu gihe imishinga imwe n'imwe yari ifite ibyo igenderaho bidahinduka bijyanye n'iterambere. Mu gusobanura ibyavuye mubushakashatsi, no none twavuga ko abaturage bo muri Malawi, Rwanda na Zambia bagirwaho ingaruka n'ibiza byinshi (harimo imyuzure, amapfa no kwisatura), imishinga ya CJF ikaba yarakemuye ibyo bibazo ikoresheje inzira zinyuranye. Urugero, imishinga myinshi yatanze amavomo y'amazi yo kunywa na/cyangwa kuhira, mu gihe indi yateye inkunga ubuhinzi butandukanye mu rwego rwo guhangana n'imihingagurikire y'ikirere, cyangwa ibicanwa bitangiza ndetse no kugabanya gukoresha umutungo w'amashyamba.
- **Ikibazo cya 2 cy'isuzuma**: Ni ku kihe kigero uburyo CJF ikoresha bujyanye n'inkingi zo kurengera ikirere (gusaranganya, gushyiraho ibikurikizwa no n'ibizana impinduka)?

⁴ Urukurikirane (ubwo nyinye n'imibare) rw'ibibazo by'isuzuma rwasubiwemo kenshi uhereye kuri raporo y'ibanze.

Uburyo CJF ikoresha bujyanye neza neza n'inkingi zo kurengera ikirere, ariko bishobora no kurenga bikiyongera cyane mu kwibanda k'ugushyiraho ibyo kugenderaho mu kurengera ikirere.

Ku bijyanye n'uguhuza (uburyo ibikorwa n'umushinga bigira aho bihurira n'amabwiriza na porogaramu za Leta ya Ecosse), isuzuma ryerekanye:

- **Ikibazo cya 3 cy'isuzuma:** Ni gute mwahuzaga na gahunda z'ibihugu, ibikorwa bitandukanye bikorerwa mu gihugu inbere, ndetse n'intego za politiki zitandukanye?

Imishinga ya CJF yabaga imeze nkaho ishaka kwigira ku byo ikora yo ubwayo kandi bakajyanisha imishinga n'ibikenewe mu baturage (habayeho guhuza ibikorwa hagati y'imishinga) kurusha kujyanisha ibikorwa by'imishinga na politiki z'igihugu no kubishyiramo abafatanyabikorwa bo mu nzego za Leta (kudahuza gukabije n'abatari muri ibyo bikorwa). Imishinga imwe n'imwe yisanishije cyane n'ibikorwa aho ikorera, cyane cyane iyakoranye cyane nabafatanyabikorwa baho.

Ubwumvikane ku mahame yo kurengera ikirere nabyo bifasha kongera ukwisanisha. Ikiyongereyeho, hashobora kubaho amahirwe menshi ku mishinga ya CJF yo kuzuzanya no kwigira ku bikorwa by'indi minshinga

Ikibazo cya 4 cy'isuzuma: ihuriro ry'imishinga ya CJF rimeze gute nk'imishinga ihuje umuterankunga?

Ibyo imishinga ya CJF ikora biratandukanye cyane, nubwo guhuza kugerwaho binyuze mu kwibanda (akenshi) ku mishinga yihanganira imihindagurikire y'ikirere.

- **Ikibazo cya 5 cy'isuzuma:** Ni mu buhe buryo CJF yisanisha n'ibikorwa byihutirwa bya Guverinoma ya Ecosse kandi bigahuza no kurengera ikirere (CJ)? Ni ubuhe bufatanye hagati ya porogaramu z'ikirere za guverinoma ya Ecosse mu buryo bwagutse kurushaho kandi ni gute bafatanye ndetse aho insingano zigongana?

CJF yisanisha neza na politiki ya Guverinoma ya Ecosse kandi yagize uruhare muri iyo politiki kugira ngo ihuze neza na gahunda zo kurengera ikirere. Nubwo bimeze bityo ariko, haracyari amahirwe yo kongera ubufatanye, kwigira kuri iyo mishinga, kuyigeza kubandi, no kwagura imishinga yo kurengera ikirere.

Ku bijyanye no **gukora neza** (uburyo umutungo w'ikigega cyo kurengera ibidukikije wakoreshejwe neza kugira ngo kurengera ikirere bigerweho), iby'ingenzi byagaragaye ni:

- **Ikibazo cya 6 cy'isuzuma:** Ni ubuhe buryo bwakoreshejwe kugira ngo kurengera ikirere bigerweho neza kubufatanye bwa CJF n'abakora iby'umushinga bo mu gihugu, guverinoma n'abafatanyabikorwa?
Byaba ari byiza ku mishinga ya CJF gukorana cyane n'abafatanyabikorwa bo mu gihugu aho ikorera, bigaragara ko bizamura ukugera ku ntego z'umushinga. Urugero, kubaka ubushobozi no gukorana n'abakozi ba leta bashinzwe iyamamazabuhinzi mu guteza imbere urwego rw'imikoreshereze y'inkunga yagiye ikomeza kuboneka ku baturage.
- **Ikibazo cya 7 cy'isuzuma:** Ni mu buhe buryo imitegurire ya gahunda y'imiyoborere n'imicungire ya CJF ihuye n'intego zo kurengera ikirere?
Ukoroshya uburyo bwo gutera inkunga bwatumye babishyira mubikorwa bakanarushaho kwiga. Ariko, gutinda kw'inkunga cyangwa kuzemeza – kuruhande rumwe bitewe n'inzeho z'urukurikirane rw'abashyira mu bikorwa umushinga wa CJF - byavuzwe nk'imbogamizi mu mishinga imwe n'imwe. Byongeye kandi, imishinga myinshi irimo udushya ishobora gusaba igihe kinini no guhuza n'ibiriho kugira ngo itange ibintu byiza

Ibyavuye mubushyakashatsi by'ingenzi ku **mikorere myiza** (guhuza ibikorwa n'intego zabyo) ni ibi bikurikira:

- **Ikibazo cya 8 cy'isuzuma:** Ni mu buhe buryo abantu bugarijwe n'ibibazo (abatishoboye, abagore n'abandi) bagenwe kandi bagahabwa ijamba mu bikorwa bya CJF (ku rwego rwumushinga na porogaramu)?
Imishinga ya CJF yakunze kwibanda cyane k'uturere twugarijwe cyane ariko ntiyibande buri gihe ku baturage bugarijwe n'ibibazo, mu kugena abagenerwabikorwa b'imishinga yo guhanga udushya bakunze kwibanda cyane ku ruhanda rwa 'tekiniki' aho gukoresha uburyo budahenze mu kushyira ahagaragara ibibazo by'aho ikorera. Imikorere yatandukanaga bitewe n'umushinga uwo ari wo, bigaterwa na uko uteguye, ibyo ukora n'igihe uzamara. Imyumvire ku myubakire y'amagambo arebana no kurengera ikirere ku nzego z'ibanze akenshi wasangaga iri hasi kandi bishoboka ko yajya hejuru

ugereranije n'ibisobanuro mpuzamahanga. Byongeye, ibyibandwaho n'imishinga ya CJF bivuze ko bishobora gusaba igihe kirekire kugira ngo bitange umusaruro ku baturage.

- **Ikibazo cya 9 cy'isuzuma:** Nigute ibikorwa by'imishinga ya CJF muri rusange bikubiyemo amasomo? Imikoranire hagati y'imishinga itandukanye byagize uruhare mu gusangira ubumenyi, mu gihe ubufatanye n'abafatanyabikorwa b'imishinga bwashimangiye ukurengera ikirere. Hari ibimenyetso bimwe bigaragaza ukwisubiramo no kwipima nk'umusaruro w'imishinga ya CJF
- **Ikibazo cya 10 cy'isuzuma:** Ni mu buhe buryo Guverinoma ya Ecosse ikoresha amasomo atangwa na CJF mu kongera inkunga no n'ibizatangwa na CJ? Amahirwe arahari yo kongera ubufatanye, kubigira ibyabo, kubigeza kubandi, kwagura ibikorwa byo kurengera ikirere. Urugero, kubaka mu buryo buteguye neza, kwigira kuri porogaramu zitandukanye no kumenyekanisha ibigize ibizakorwa mu gihe kizaza mu byiciro bya CJF mu gutegura amasomo azakwirakwizwa avuye muri iki kigega cyo guhamga udushya.

Ibijyanye **n'ingaruka** zo kurengera ikirere (ibyagezweho by'igihe kirambye mu kurengera ibidukikije), isuzuma ryabonye:

- **Ikibazo cya 11 cy'isuzuma:** Ni gute imishinga ya CJF na porogaramu zayo murirusange byagize uruhare kubyagezweho by'igihe kirambye mu kurengera ikirere? N'ubwo ibyagezweho bigenda bitandukana bitewe n'umushinga, CJF yageze ku ntego zo kurengera ikirere mu buryo bugaragara kandi bufatika. Imishinga yo kurengera ikirere mu buryo busangiwe, bufite ibigenderwaho kandi buzana impinduka kenshi yagiye yuzuzanya, kandi imishinga yibanze kuri ubwo buryo uko ari butatu yageze ku ntego cyane. icyakora, abaturage benshi bo muri Malawi bahura n'ibibazo bikomeye. Ingaruka zigomba kuba ingirakamaro cyane kubaturage kugirango babone impinduka nziza mugihe habaye ibibahungabanya.
- **Ikibazo cya 12 cy'isuzuma:** Urebye imbere hazaza, ni izihe mbaraga ziri kugenda zigaragara, intege nke, imbogamizi n'amahirwe yo gucunga no gushyira mu bikorwa CJF kandi ibyo bikaba bishobora kugenderwaho mu cyiciro cya gahunda izaza?

CJF yagize uruhare mu gutanga icyerekezo cyo kurengera ikirere. Nubwo bimeze bityo ariko, amahirwe arahari yo kongera ubufatanye, kuzigama, kwigana no kwagura imishinga yo kurengera ikirere. Byongeye kandi, imikoranire n'ibigo byigenga byari bike kandi imishinga yashoboraga kutagera ku ntego bishingiye ku ukubura amikoro ashingiye ku nkunga.

Ku bijyanye **n'uburambe** bwa CJF (uburyo ibiteganijwe gukorwa mu kurengera ikirere bizaramba), isuzuma ryagaragaje:

- **Ikibazo cya 13 cy'isuzuma:** Ni gute abafatanyabikorwa mu gushyira mu bikorwa umushinga hamwe , cyangwa abagenerwabikorwa bafashe inshingano nk'iza nyir'ubwite mu gutegura, gushyira mu bikorwa, no kuramba k'umushinga? Imishinga yagize akamaro ku abaturage n'abafatanyabikorwa ba Leta mu kubugira ibyabo, cyane cyane iyo abaturage babona inyungu. Urugero, aho imishinga yagize ingaruka nziza ku baturage, cyane cyane mu bijyanye n'ubuzima bwa buri munsu ndetse n'ibijyanye no kwinjiza amafaranga (kurengera ikirere bihuriweho), ababajijwe bagaragaje icyizere cyo gukomeza ibyo bikorwa.
- **Ikibazo cya 14 cy'isuzuma:** Ni mu buhe buryo Guverinoma ya Ecosse yakoresheje CJF mu gushyigikira CJ mu bufatanye, kubigira ibyabo, kubigeza kubandi no kuyagura? CJF yagize uruhare mu gutanga icyerekezo cyo kurengera ikirere. Nubwo bimeze bityo ariko, amahirwe arahari yo kongera ubufatanye, kubigira ibyabo, kubigeza kubandi no kwagura imishinga yo kurengera ikirere (reba ikibazo cy'isuzuma cya 10).

Imyanzuro

Malawi, u Rwanda na Zambia biri mu bihugu bigira uruhare ruto mu guhangana n'imihindagurikire y'ikirere ariko nanone bikaba mu bihugu byibasirwa n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere. Uburyo bwo kurengera ikirere rero ni ingenzi cyane kuko butuma iterambere rirambye ry'ibi bihugu rigerwaho, bidatewe gusa n'inkunga itaziguye iterwa inkunga n'imishinga yo kurwanya imihindagurikire y'ikirere yoherejwe n'ibihugu byateye imbere cyane ahubwo inashimangira ubushobozi bw'ibanze bwo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no kunganira ibyo bakeneye.

Hashingiwe kuri politiki yo kurengera ikirere ya guverinoma ya Ecosse hamwe no gusuzuma inyandiko uwakoze isuzuma yifuje kwerekana ibisobanuro bikurikira mu kurengera ikirere mu byiciro bizaza bya CJF: Kurengera ikirere ni uburyo bushingiye ku baturage, bushingiye ku burenganzira bwa muntu bigamije gusangira inyungu z'iterambere n'ibibazo by'imihindagurikire y'ikirere ku isi mu buryo bunozwe, mu gihe hubakwa ikizere hagati y'ibihugu byateye imbere n'iri mu nzira y'iterambere. Kurengera ikirere gushingira k'uko abakene n'abatishoboye aribo ba mbere bagirwaho ingaruka n'imihindagurikire y'ikirere, bikongera ubusumbane buriho, kandi bakaba ari bo bibabaza cyane, nubwo hari ababa barakoze bike cyangwa ntacyo bakoze ngo biteze ikibazo.

Ubu busobanuro bwo kurengera ikirere buvuze ko imishinga igomba kuba ikubiyemo ibintu bikurikira:

- Ni byiza guhuza inzego zose, byemejwe n'abaturage, bishingiye kubikenewe mu iterambere (ukurengera ikirere bifite ibyo bigenderaho);
- gutanga inkunga yo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere mu turere twibasiwe cyane n'abaturage bo mu majyepfo y'isi (ukurengera ikirere bisangiwe); no
- kubaka imyumvire n'ubushobozi bifasha abaturage kugira uruhare rugaragara mu gufata ibyemezo n'ubuvugizi (ukurengera ikirere kuzana impinduka) kugira ngo habeho iterambere ringana kandi rirambye mu guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.

Iby'ingenzi byavuye mu isuzuma birimo:

- Ni ngombwa ko CJF isobanura neza intego zayo, gusobanura kurengera ikirere, ibiteganijwe hamwe n'uuhare rw'abagenerwabikorwa b'umushinga. Ibi bigafasha mu kugera kuntego za CJF;
- Inkingi zose uko ari eshatu zo kurengera ikirere ni ingenzi mu kugera ku ntego za CJF kandi zigomba guhuzwa kuva mu cyiciro cyagenwe (binyuze mu bigenderwaho mu guhitamo imishinga, kugenzura no gutanga raporo):
 - **Ibigenderwaho mu kurengera ikirere:** Gufatanya n'abafatanyabikorwa bo hanze (nka guverinoma y'igihugu n'akarere) ndetse n'abafatanyabikorwa b'ibanze (barimo abagore n'abatishoboye) nk'urwego rwo kugira uruhare mu bikorwa n'ibikenewe bigamije kumenya neza umugenerwabikorwa no kubishakira ibisubizo bikwiye;

- **Kurengera ikirere guhuriweho:** Gushyiraho inkunga yo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere (nk'iterambere ry'imibereho, kubona amazi n'ingufu n'ibindi) byashyizwe mu mishinga yose (cyane cyane mu mishinga yo guhanga udushya no kwirinda ibibazo) kugira ngo ababirimo bungukirwe n'ibikorwa by'umushinga;
- **Kurengera ikirere kuzana impinduka:** Kugira uruhare rugaragara mu gushakira ibisubizo n'ubuvugizi mu byo abaturage bakeneye, guha ubushobozi abaturage no gushyiraho uburyo bwo gushyigikira ibisubizo kubyakozwe kugira ngo bizarambe;
- Igihe gikenewe kugira ngo ubwo buryo bubeho bugomba gushyirwa mu mirongo ngenderwaho y'umushinga.

Isuzuma ryasanze CJF yarageze ku ntego zo kurengera ikirere, cyane cyane mu bijyanye no kwinjiza kurengera ikirere muri guverinoma ya Ecosse no kubaka ubumenyi n'uburambe ku ukurengera ikirere binyuze mu mishinga iterwa inkunga na CJF. Nubwo ibyakozwe bitandukanye mu mishinga, CJF yageze ku ntego yo kurengera ikirere mu buryo bufatika kandi bugaragara, harimo kongera ubushobozi abaturage batishoboye bwo guhangana n'imihindagurikire ndetse rimwe na rimwe bikazamura uburinganire. Ibi byagaragaye cyane cyane ku mishinga yashyize mu bikorwa ibikubiye mu nkingi zose uko ari eshatu z'ukurengera ikirere, ikorana n'abafatanyabikorwa b'ibanze ndetse n'igihugu, ndetse ikanatuma imishinga ikemura ibibazo bikenewe. Nubwo bimeze bityo ariko, amahirwe arahari yo gushingira kuri ubu bunararibonye no gusangira amasomo ku bantu benshi batari abafatanyabikorwa ba bugufi ba CJF.

CJF, ibinyujije mu nshingano z'imishinga yayo, yubahirije ibikubiye mu nkingi zose uko ari eshatu zo kurengera ikirere: gusangira, gukurikiza inzira no guhindura ibintu. Nubwo, nubwo hibandwa cyane ku buryo bwagutse bw'ukurengera ikirere, ibipimo byo gutoranya imishinga ya CJF byibanze ahanini ku gukwirakwiza kurengera ikirere. Imishinga yagendeye neza ku nkingi uko ari eshatu zo kurengera ikirere ikunda gukora neza, igira ibyo igeza kubo igenewe mu buryo bukomeye kandi ikagera ku bisubizo birambye.

Nubwo bimeze bityo ariko, ibintu bimwe na bimwe byo kurengera ikirere (nko, gutegura abazagira uruhare mu mushinga, guteza imbere ubushobozi bwo kunganira no guteza imbere uburinganire) bishobora gusaba igihe kirekire cyo gushyirwa mu bikorwa kuruta imishinga

isanzwe y'iterambere). Inkingi zo gushyiraho bibgenderwaho n'ibizana impinduka mu kurengera ikirere ni ingenzi mu gukemura ibibazo by'ukurengera ikirere. Ariko, kwibanda kuri izi ngingo mu mishinga y'igihe gito bitera ibyago abaturage bagira uruhare muri izi gahunda kandi bakanagira uruhare mu bisubizo by'igihe kirambye, ariko bakabona ibyiza mu gihe gito. Ibi byakemurwa no kureba niba imishinga ikubiyemo ibintu byose bijyanye no kurengera ikirere mu gishushanyo mbonera no kuyishyira mu bikorwa no mu guhuza imishinga yibanda ku bintu bitandukanye byo kurengera ikirere k'umiterere y'ahantu hamwe.

Ibyifuzo

Ibyifuzo bikurikira birareba abagize ubuyobozi bwa CJF bo muri Leta ya Ecosse CJF kugira ngo bashyigikire ibyiciro bya CJF by'ahazaza:

- **Icyifuzo cya 1.** Birasaba ko CJF yashyiraho uburyo bwo kugenderaho mu gutoranya imishinga no kuyigenzura bukubiyemo ibintu byose bijyanye no kurengera ikirere (hakubiyemo ibikurikizwa n'impinduka bazazana) mu kubishushanya no kubishyira mu bikorwa.
- **Icyifuzo cya 2.** Birasaba ko CJF yoroherereza gusangira amasomo no kwigira hirya no hino mu nshingano zayo kugira ngo ishyigikire abaturage bayishyira mu bikorwa kandi inateza imbere ingaruka z'kurengera ikirere haba muri ibyo bikorwa ndetse no hanze yabyo.
- **Icyifuzo cya 3.** Birasabwa ko CJF ishora imari muri gahunda nini kandi / cyangwa igashyigikira imishinga mito kugira ngo ishyireho amahuriro ry'ibikorwa by'abaturage.
- **Icyifuzo cya 4.** Birasabwa ko CJF yubaka uburyo bworoshye bw'imikorere yayo bushyigikira igira ry'uruhare mu gukora no kushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cyayo kandi ikuzuzanya n'igishushanyo mbonera cy'imishinga no gutanga raporo.
- **Icyifuzo cya 5.** Birasaba ko Guverinoma ya Ecosse yifashisha ibyakozwe na CJF kugira ngo ishyigikire ibikorwa byo kurengera ikirere bikorwa n'abandi baterankunga bagaragara muri izo gahunda.